# Indaga gaciro z'ibanze n' amahame atuyobora

## Imyemerere y'ibanze

Twese twubahiriza imyemerere y'umuryango w'ababyeyi b'abagore basenga, kwakira Yesu Kristo nk'Umwami n'umukiza mu buzima bwa munt uku giti cye, kandi ko Yesu ari Imana.

Twizera ko binyuze mu gusenga Imana yohereza imbaraga zayo ku bana bacu n'amashuri. Kwizera kwacu kuri mu Mana yumva igasubiza no amasengesho yacu.

## Intego y'ibanze

Inshingano : Umuryango w'ababyeyi b'abagore basenga wita ku bana n'amashuri ku isi hose binyuze mu guhuza ababyeyi b'abagore bagasenga.

Intego : intego yacu ni uko buri shuri ku isi ryasengerwa.

## Ibintu by'ingenzi

- Mbere n'ambere Imana
- Umuryango uza ubwa kabiri
- Umurimo w'Imana uza ku bwa gatatu

## Imikorere y'ingenzi

- Gusengera mu bumwe
- Intambwe enye zo gusenga
- Gusengera mu ijambo
- Gusengera ibyifuzo
- Ivugabutumwa ryo gusenga

## Amahame atuyobora

Turi imbata z'Imana zibeshejweho nayo kandi ziyitezeho ubufasha bwose kugirango ituyobore kandin idufashe. Ntabwo twiringiye ingabo n'amafarashi ahubwo twiringiye izina ry'Uwiteka Imana yacu. Zaburi 20:7

Turi umuryango uhindura abantu kuba abigishwa ndetse umuryango ugenda waguka.

Guhindura abigishwa: kwigisha abagore uko basenga no kwizera Imana.
Kwaguka: buri shuri risengerwa n'itsinda.

Twahamagariwe gukorera mu babyeyi b'abagore basenga.

Dufite inshingano zo guhagararira uyu muryango n'iyerekwa ryawo mu rukundo n'ubunyanga mugayo.

Turarera, tugasubizamo imbaraga ndetse tugatanga ibikwiriye mu kugira umutima w'ubumana, w'ubuntu utanegura, dutanga urugero rw'umugore nkuko Bibiliya imwerekana nurwo kwera mu bijyanye n'imibonano mpuzabitsina.

Twemera kandi dushyigikira ingo zashyizweho n'Imana, ishyingiranwa rishingiye kuri bibiliya nk'isezerano ryo kubana hagati y'umugore umwe n'umugabo umwe.

Dufite ubutumwa buzanira gukomezwa n'icyizere ku babyeyi b'abagore.

By'umwihariko tugira ibanga- Ibyasengewe mu itsinda biguma mu itsinda

Dusengera abana n'amashuri.

Ntabwo turi itsinda ry'icengezamatwara. Umuryango Moms in Prayer International ntabwo ari itsinda ry'icengezamatwara, tutitaye ku gaciro k'icyaba giharanirwa. Kwitabira ibikorwa bya politike n'ibindi bibazo by' imibereho rusange bigomba gukorwa n'umuntu ku giti cye. Nta mpamvu nimwe izina ry'umuryango mpuzamahanga w'ababyeyi b'abagore basenga rigomba gukoreshwa mu nyungu z'ibindi bibazo bitari iby'umuryango.

Tuzajya tumenyesha abadushyigikira mu buryo bw'amafaranga dukoresheje ukuri guhanitse, mu mucyo, biboneye kandi nk' inshingano imbere y'Imana.

Moms in Prayer INTERNATIONAL
Ababyeyi Mu Masengesho Mpuzamahanga
momsinprayer.org